RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
KG 4 Ave 8, Kimihurura, P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda

Our Ref 1591/RRA/CG/TPS/022.

Your Ref ..........

Date 26 JUIL 2022

## ITANGAZO

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) cyashyizeho uburyo bwo kwakira imisoro n'amahoro, n'andi mafaranga atari imisoro hakoreshejwe ikoranabuhanga mu rwego rwo korohereza abasora, no gutanga serivisi zihuse kandi zihendutse. Uburyo bw'ikoranabuhanga bagomba gukoresha mu kwishyura imisoro n'amahoro, n'andi mafaranga atari imisoro ni: (1) Mobile Money, (2) Mobile Banking, (3) Internet Banking na (4) Mobicash.

Ni muri urwo rwego **RRA isaba abasora bose bishyura imisoro y'imbere mu gihugu, iya za gasutamo, n'iyeguriwe inzego z'ibanze ko bagomba kujya bakoresha ubwo buryo bw'ikoranabuhanga mu kuyishyura kuko uhereye tariki 01/09/2022 abatazabyubahiriza batazoroherwa mu kubona serivisi** zirimo iz'ihinduranya ry'ibinyabiziga (mutation), Icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro (Non-créance), Quitus Fiscal, AEO, blue channel n'ubundi bworoherezwe bwo muri Gasutamo, ibyemezo byo gukora (License and badges) n'izindi.

Tuboneyeho kubamenyesha ko sisitemu za RRA zahujwe n'iz'amabanki n'ibigo by'itumanaho kugira ngo uburyo bwo kwishyurana hakoreshejwe ikoranabuhanga bworohe.

Ku bindi bisobanuro, mwaduhamagara ku murongo utishyurwa 3004 cyangwa mukatwandikira ku mbuga nkoranyamba zacu.

## ANNOUNCEMENT

Rwanda Revenue Authority (RRA) acquired access to digital payment systems which include (1) Mobile Money, (2) Mobile Banking, (3) Internet Banking, and (4) MobiCash in order to provide convenient and affordable services and ease the payment of taxes, duties and fees.

Subsequent to the above, **RRA urges all taxpayers that payments of domestic taxes, customs duties and local government taxes and fees must be done digitally effective 01/09/2022.** Defaulting to this instruction will result into facing difficulty in obtaining tax clearance certificate, motor vehicle ownership transfer, Quitus Fiscal, AEO and blue channel membership, licenses and badges for clearing agents and tax advisors respectively, among other services.

We would also like to inform you that RRA systems have been integrated with banking and telecommunication companies in order to make cashless payments possible and simple.

For more information, call our toll free number 3004 or message us on our social media pages.

RWANDA REVENUE AUTHORITY
RRA
P.O BOX 3987 KIGALI

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**
**Commissioner General**

HERE FOR YOU TO SERVE